**IJAMBO RYA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA MU MUHANGO WO GUTANGIZA UMWAKA W'UBUCAMANZA WA 2022-2023**

**KIGALI, KU WA 14 UKWAKIRA 2022**

Mu izina ry'Inama Nkuru y'Ubucamanza, mu izina ry'abacamanza bo mu nkiko zose mu Rwanda n'abandi bakozi b'inkiko muri rusange, no mu izina ryanjye bwite, mbanje kubashimira mwese kuba mwaje kwifatanya n'Urwego rw'Ubucamanza muri uyu muhango ngarukamwaka wo gutangiza umwaka w'ubucamanza.

Ndashimira kandi ba Nyakubahwa Minisitiri muri Perezidansi, Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta, Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu, abayobozi batandukanye bari hano, Abahagarariye Ibihugu byabo mu Rwanda, abayobozi b'inzego zo mu Rwego rw'Ubutabera, abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko bari hano n'abakurikira uyu muhango hifashishijwe ubundi buryo butandukanye.

Uko umwaka utashye, Urwego rw'Ubucamanza rugaragariza Abanyarwanda ibyo rwagezeho mu mwaka w'ubucamanza uba urangiye. Urwego rw'Ubucamanza, nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, rufite ishingano ikomeye yo kurinda uburenganzira n'ubwisanzure bwa muntu binyuze mu byemezo bitandukanye bifatwa n'inkiko.

Muri uyu mwaka wa 2021/2022 dusoje, Urwego rw'Ubucamanza rurishimira ko abacamanza, abanditsi n'abandi bakozi b'inkiko bakomeje kugaragaza ubushobozi n'ubushake mu kwitangira imirimo yabo, bikaba byaratumye inkiko zigera ku musaruro mwiza. Tuboneyeho rero umwanya wo gushimira abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko bakomeje gukorana umurava, ubwitange, ubunyamwuga n'ubudakemwa kugirango abaturarwanda babone ubutabera bakwiye, ariko tunabashishikariza gukomeza iyo ntambwe kuko ari ngombwa ko Urwego rw'Ubucamanza rukomeza kugira uruhare rufatika muri gahunda yagutse yo kubaka umuco wo kuba igihugu kigendera ku mategeko kandi cyubahiriza uburenganzira bwa buri wese.

Mu byo kwishimira byagezweho, harimo ubwiyongere bw'imanza zicibwa n'inkiko, aho bigaragara ko muri rusange ziyongereye ku kigero gisumba icyo

mu myaka itatu ishize ndetse n'impuzandengo y'imanza zicibwa na buri mucamanza buri kwezi ikaba yarazamutse.

Turishimira kandi intambwe Urwego rw'Ubucamanza rukomeje gutera yo guteza imbere uburyo bwo gukemura impaka bushingiye ku bwumvikane n'ubuhuza (*Court mediation*). Muri uyu mwaka wa 2021-2022, imanza zarangiriye mu bwumvikane bukozwe n'abacamanza ndetse n'izarangiriye mu nama ntegurarubanza binyuze mu bwumvikane zariyongereye.

Urwego rw'Ubucamanza rwahagurukiye kandi kongera ubudakemwa bw'imanza zicibwa mu rwego rwo gukomeza gutanga ubutabera bunoze. Kuri iyi ngingo, ibipimo bigaragaza ko imanza zihindurwa mu bujurire ziri ku kigero cya 12%, naho imanza zigaragaramo akarengane nyuma yo gucibwa zikaba zigeze ku kigero cya 3% by'imanza zisabirwa gusubirwamo.

Mu bindi byagezweho bijyanye no kunoza imikorere harimo kubaka ikoranabuhanga ryunganira IECMS ryifashishwa mu micungire n'imigenzurire y'umusaruro w'Urwego rw'ubucamanza n'uw'abakozi (Judicial Performance Management System (JPMS), rikazatangira gukoreshwa mu mwaka wa 2022/2023. Haguzwe kandi ibikoresho by'ikoranabuhanga bitandukanye bifasha abakozi gukora inshingano zabo bigizwe cyane cyane na mudasobwa zigendanwa (laptops).

Mu rwego rwo kubaka ubushobozi bw'abakozi, hatangijwe amasomo yihariye ajyanye n'umwuga aho abacamanza, abanditsi n'abandi bakozi b'inkiko bagera kuri mirongo icyenda (90) bari guhabwa ayo masomo. Hatanzwe kandi amahugurwa y'igihe gito ku bacamanza n'abandi bakozi b'inkiko bagera kuri magana inani na mirongo inani n'icyenda (889).

Urwego rw'Ubucamanza kandi rukomeje kwagura amarembo rugirana amasezerano y'ubufatanye n'izindi nzego z'ubucamanza cyangwa ibigo bikora mu nzego z'ubucamanza z'ibihugu bitandukanye, rwakira abashyitsi baziturutsemo kandi rwitabira inama mpuzamahanga kugira ngo tubyungukiremo ubumenyi n'ubufatanye biteza imbere ubucamanza.

Tuboneyeho gushimira abafatanyabikorwa batandukanye, yaba abo mu nzego zitandukanye ziri mu Runana rw'Ubutabera, abaterankunga batandukanye

bakomeje gutera ingabo mu bitugu Urwego rw'Ubucamanza kugira ngo rugeze ku baturarwanda ubutabera bunoze kandi butanzwe mu gihe gikwiye.

Hagati aho, intego dufite yo gutanga ubutabera bunoze, abaturarwanda bifuza, ntiyagerwaho hatitawe ku kuguhamya imyitwarire myiza y'abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko. Hari ingamba zitandukanye zigamije kongera ubudakemwa, no gufata ibyemezo binyuze mu mucyo nta kubogaba. Imwe muri zo ni ukuvugura **Komite zo Kurwanya Ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza** muri buri rukiko, hahindurwa imiterere (*structure*) yazo, hanozwa amabwiriza azigenga no gushyiraho abazigize.

N'ubwo Urwego rw'Ubucamanza hari byinshi rwagezeho mu mwaka w'ubucamanza ushize, haracyari imbogamizi zirukoma mu nkokora mu kazi karwo ka buri munsi, twavugamo izi zikurikira:

- *ubwiyongere bw'ibirarane bikomoka ahanini ku bwiyongere bw'imanza zinjira ku muvuduko munini kandi umubare w'abakozi utiyongera ku muvuduko umwe na zo;*
- *kutabasha guha akazi abakozi b'inzobere no kugumana abo rufite baba bamaze kugira ubunararibonye, kubera ko hari abaruvamo bakajya mu zindi nzego zikenera abanyamategeko, kubera ko ibigenerwa abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko, nk'umushahara n'ibindi, bitarahuzwa n'inshingano ziremereye bafite;*
- *hari kandi n'ikibazo cy'inyubako inkiko zimwe na zimwe zikoreramo zidatuma hatangwa umusaruro ukwiye kubera gukorera mu mfunganwa cyangwa mu nyubako zidahuye n'umulimo wo gutanga ubutabera buboneye.*

Nubwo ariko hari izo mbogamizi, muri uyu mwaka dutangiye wa 2022-2023, Urwego rw'Ubucamanza ruzakomeza gukorana n'izindi nzego mu gushakira umuti ibi bibazo no gukomeza kuvugurura imikorere mu rwego rwo kurushaho gutanga ubutabera bwihuse kandi bunoze. Muri urwo rwego, tuzakomeza ingamba zo kunoza itegurwa ry'iburanisha hagamijwe kwihutisha icibwa ry'imanza (by'umwihariko: kugabanya igihe abafungwa bategereza bataracibwa imanza); kunoza gahunda yo kuburanisha imanza zimwe na zimwe nk'imanza zireba umulyango n'abana; imanza zerekeye ibyaha bimunga

ubukungu bw'igihugu harimo icyaha cya ruswa n'inyerezwa ry'umutungo w'igihugu; ibyaha byerekeye inyerezwa ry'imitungu y'amakoperative, n'izindi.

Turateganya kandi gukoresha isesengura ry'ibyo Urwego rw'Ubucamanza rukenera n'uburyo abagenerwabikorwa barwo barubona mu gutanga serivisi zibagenerwa (*Judicial needs and satisfaction survey*), kugirango ibizavamo bizafashe mu gukomeza kunoza imikorere yacu.

Nagirango ndangize iri jambo nongera gushimira abayobozi b'inzego zitandukanye baje kwifatanya natwe muri uyu muhango, n'inkunga n'ubufatanye yabo mu nzira ya ngombwa yo gutanga ubutabera kuri buri muturarwanda, kuko aribyo pfundo ry'amahoro, umutekano n'iterambere rirambye Igihugu cyacu cyifuza. **Murakoze, mugire amahoro**.